

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 025/01 RYO KU WA 12/05/2023 RIGENGA IKIGEGA GISHINZWE GUTERA INKUNGA SERIVISI Z'ITUMANAHU KURI BOSE</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 025/01 OF 12/05/2023 GOVERNING UNIVERSAL ACCESS FUND</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 025/01 DU 12/05/2023 RÉGISSANT LE FONDS POUR L'ACCÈS UNIVERSEL</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mberere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p>	<p><u>Article 2: Interpretation</u></p>	<p><u>Article 2 : Interprétation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abarebwa n'iri teka</u></p>	<p><u>Article 3: Scope of application</u></p>	<p><u>Article 3 : Champ d'application</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4 : Inshingano</u></p>	<p><u>Article 4: Responsibilities</u></p>	<p><u>Article 4 : Attributions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5 : Imitunganyirize n'imikorere</u></p>	<p><u>Article 5: Organisation and functioning</u></p>	<p><u>Article 5 : Organisation et fonctionnement</u></p>
<p><u>UMUTWE WA III : INKOMOKO Y'UMUTUNGO N'ICUNGWA RYAWO</u></p>	<p><u>CHAPTER III: SOURCES OF PROPERTY AND ITS MANAGEMENT</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : SOURCES DU PATRIMOINE ET SA GESTION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6 : Inkomoko y'umutungo</u></p>	<p><u>Article 6: Sources of property</u></p>	<p><u>Article 6 : Sources du patrimoine</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Gutanga umusanzu mu Kigega</u></p>	<p><u>Article 7: Contribution to the Fund</u></p>	<p><u>Article 7 : Contribution au Fonds</u></p>
<p><u>Ingingo ya 8 : Imicungire y'Ikigega</u></p>	<p><u>Article 8: Management of the Fund</u></p>	<p><u>Article 8 : Gestion du Fonds</u></p>

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ubika ibitabo by'imari</p> <p><u>Ingingo ya 10 :</u> Raporo y'ibikorwa by'umwaka y'Ikigega</p> <p>UMUTWE WA IV: GAHUNDA ZEMERWE GUTERWA INKUNGA N'IBIGENDERWAHO MU KUZIHITAMO</p> <p><u>Ingingo ya 11 :</u> Gahunda zigenderewe</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Gahunda zifite umwihariko</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Kugaragaza gahunda, imishinga n'ibikorwa biteganyijwe gukorwa n'ibisabwa mu gutanga inkunga</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Uburyo bwo gushyira mu bikorwa gahunda, umushinga cyangwa igikorwa</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ikurikirana n'isuzuma rya gahunda, umushinga cyangwa igikorwa</p> <p>UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'UMUGENERWABIKORWA NO GUKOMEZA GUTANGA SERIVISI</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z'umugenerwabikorwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Custodian of financial documents</p> <p><u>Article 10:</u> Annual activity report of the Fund</p> <p>CHAPTER IV: ELIGIBLE PROGRAMMES FOR FUNDING AND CRITERIA FOR SELECTION</p> <p><u>Article 11:</u> Targeted programmes</p> <p><u>Article 12:</u> Priority programmes</p> <p><u>Article 13:</u> Identification of programmes, projects and activities to be implemented and requirements for disbursement of funds</p> <p><u>Article 14:</u> Implementation process of programme, project or activity</p> <p><u>Article 15:</u> Monitoring and evaluation of programme, project or activity</p> <p>CHAPTER V: OBLIGATIONS OF BENEFICIARY AND CONTINUITY OF SERVICE</p> <p><u>Article 16:</u> Obligations of beneficiary</p>	<p><u>Article 9 :</u> Dépositaire des documents financiers</p> <p><u>Article 10 :</u> Rapport annuel des activités du Fonds</p> <p>CHAPITRE IV : PROGRAMMES ÉLIGIBLES POUR LE FINANCEMENT ET CRITÈRES DE SÉLECTION</p> <p><u>Article 11 :</u> Programmes ciblés</p> <p><u>Article 12 :</u> Programmes prioritaires</p> <p><u>Article 13 :</u> Identification des programmes, des projets et des activités à mettre en œuvre et les conditions requises pour l'allocation des fonds</p> <p><u>Article 14 :</u> Procédure de mise en œuvre d'un programme, d'un projet ou d'une activité</p> <p><u>Article 15 :</u> Suivi et évaluation d'un programme, d'un projet ou d'une activité</p> <p>CHAPITRE V : ATTRIBUTIONS DU BÉNÉFICIAIRE ET CONTINUITÉ DE SERVICE</p> <p><u>Article 16 :</u> Attributions du bénéficiaire</p>
--	--	---

<u>Ingingo ya 17:</u> Kubahiriza amasezerano	<u>Article 17:</u> Compliance with agreement	<u>Article 17 :</u> Respect de l'accord
<u>Ingingo ya 18:</u> Ukudahagarara kwa serivisi	<u>Article 18:</u> Continuity of service	<u>Article 18 :</u> Continuité de service
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI :</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 19:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 19:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 19 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 20:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 20:</u> Language provision	<u>Article 20 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 21:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 21:</u> Repealing provision	<u>Article 21 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 22:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 22:</u> Entry into force	<u>Article 22 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 025/01 RYO KU WA 12/05/2023 RIGENGA IKIGEGA GISHINZWE GUTERA INKUNGA SERIVISI Z'ITUMANAHU KURI BOSE</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18;</p> <p>Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 05/01 ryo ku wa 15/03/2004 rigena imikorere y'Ikigega cyo Gukwirakwiza Telefoni mu Gihugu n'imisanzu itangwa n'abacuruzwa telefoni rusange;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 24/03/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>DUTEGETSE:</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 025/01 OF 12/05/2023 GOVERNING UNIVERSAL ACCESS FUND</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing information and communication technologies, especially in Article 18;</p> <p>Having reviewed Presidential Order n° 05/01 of 15/03/2004 determining the functioning of the Universal Access Fund and public operator's contributions;</p> <p>On proposal by the Minister of Information, Communication, Technology and Innovation;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 24/03/2023;</p> <p>DO ORDER:</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 025/01 DU 12/05/2023 RÉGISSANT LE FONDS POUR L'ACCÈS UNIVERSEL</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les technologies de l'information et de la communication, spécialement en son article 18;</p> <p>Revu l'Arrêté Présidentiel n° 05/01 du 15/03/2004 portant fonctionnement du Fonds d'Accès Universel et déterminant les montants des contributions;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 24/03/2023;</p> <p>ARRÊTONS :</p>
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Ikigega gishinzwe Gutera Inkunga Serivisi z'Itumanaho kuri bose mu rwego rw'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> <p>Muri iri teka –</p> <p>(a) “agace kagerwamo na serivisi nkeya” bivuga agace k'Igihugu kagenwe n'Ikigega aho iboneka rya serivisi z'itumanaho riri hasi;</p> <p>(b) “ibyacurujwe” hakubiyemo ibyinjira, amafaranga yinjira mu bucuruzi cyangwa ibyagurishijwe byose, umusoro ku nyongeragaciro no guhuza imiyoboro yihariye aho bibaye ngombwa, byakiriwe n'uwashinzwe ibikorwa by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho mu gihe cyagenwe;</p> <p>(c) “ICT” bivuga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho;</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the responsibilities, organisation and functioning of Universal Access Fund in the sector of Information and Communication Technologies.</p> <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> <p>In this Order –</p> <p>(a) “under-served area” means a national geographic area designated by the Fund where the availability of telecommunication services is low;</p> <p>(b) “turnover” includes revenue, business income or total sales, value added tax and interconnection charges exclusive where applicable received by an operator in information and communication technologies sector during a regulatory period;</p> <p>(c) “ICT” means Information and Communication Technologies;</p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Fonds pour l'Accès Universel dans le secteur des Technologies de l'Information et de la Communication.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans le présent arrêté –</p> <p>(a) « zone mal desservie » signifie une zone géographique désignée par le Fonds où la disponibilité des services de télécommunication est basse ;</p> <p>(b) « chiffre d'affaires » comprend des revenus, le revenu d'entreprise ou le total des ventes, taxe sur la valeur ajoutée et frais d'interconnexion exclus le cas échéant, perçus par un opérateur du secteur des technologies de l'information et de la communication au cours d'une période réglementaire;</p> <p>(c) «ICT» signifie les Technologies de l'Information et de la Communication ;</p>

<p>(d) “Ikigega” bivuga Ikigega gishinzwe Gutera Inkunga Serivisi z’Itumanaho kuri bose, kigafasha guha abatwaga amahirwe angana no kubona serivisi za ICT;</p> <p>(e) “Inama Ngenzuramikorere” bivuga urwego rukuru ruyobora Urwego rw’Igihugu rushinzwe Kugenzura Imikorere y’Inzego zimwe z’Imirimo ifitiye Igihugu Akamaro kandi rushinzwe gufata ibyemezo;</p> <p>(f) “Umuyobozi Mukuru” bivuga Umuyobozi Mukuru w’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Kugenzura Imikorere y’Inzego zimwe z’Imirimo ifitiye Igihugu Akamaro;</p> <p>(g) “ufite uruhushya” bivuga umuntu wahawe uruhushya hakurikijwe ibiteganywa n’Itegeko rigenga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n’itumanaho;</p> <p>(h) “Urwego” bivuga Urwego rw’Igihugu rushinzwe Kugenzura Imikorere y’Inzego zimwe z’Imirimo ifitiye Igihugu Akamaro.</p>	<p>(d) “Fund” means a Universal Access Fund that provides support to people in order to have equal opportunity and access to ICT services;</p> <p>(e) “Regulatory Board” means the supreme management and decision-making organ of Rwanda Utilities Regulatory Authority;</p> <p>(f) “Director General” means the Director General of Rwanda Utilities Regulatory Authority;</p> <p>(g) “licensee” means a person to whom a license is issued in accordance with the Law governing information and communication technologies;</p> <p>(h) “Authority” means Rwanda Utilities Regulatory Authority.</p>	<p>(d) « Fonds » signifie le Fonds pour l’Accès Universel qui offre un soutien à la population afin d’avoir l’égalité de chances et l’accès aux services d’ICT;</p> <p>(e) « Conseil de Régulation » signifie l’organe suprême de direction et de prise de décisions de l’Autorité Rwandaise de Régulation de certains Services d’Utilité Publique;</p> <p>(f) « le Directeur Général » signifie le Directeur Général de l’Autorité Rwandaise de Régulation de certains Services d’Utilité Publique;</p> <p>(g) « titulaire d’une licence » signifie une personne à qui on a octroyé une licence conformément aux dispositions de la Loi régissant les technologies de l’information et de la communication;</p> <p>(h) « l’Autorité » signifie Autorité Rwandaise de Régulation de certains Services d’Utilité Publique.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 3: Abarebwa n’iri teka</u></p> <p>Iri teka rireba abafite impushya bose bacuruza serivisi za ICT zikurikira:</p> <p>(a) serivisi z’ibikorwaremezo bifatiyeho imiyoboro y’itumanaho koranabuhanga;</p> <p>(b) serivisi z’itumanaho koranabuhanga;</p> <p>(c) serivisi za porogaramu zifatiye ku itumanaho;</p> <p>(d) serivisi zo gucuruza amakuru;</p> <p>(e) serivisi z’isakazamakuru;</p> <p>(f) serivisi z’amaposita n’ubutumwa.</p>	<p><u>Article 3: Scope of application</u></p> <p>This Order applies to all licensees who sell the following ICT services:</p> <p>(a) electronic communication network infrastructure services;</p> <p>(b) electronic communication network services;</p> <p>(c) application services;</p> <p>(d) content services;</p> <p>(e) broadcasting services;</p> <p>(f) postal and courier services.</p>	<p><u>Article 3 : Champ d’application</u></p> <p>Le présent arrêté s’applique à tous les titulaires de licences qui vendent les services de ICT suivants :</p> <p>(a) les services d’infrastructure du réseau de communication électroniques ;</p> <p>(b) les services de réseau de communication électroniques ;</p> <p>(c) les services d’application ;</p> <p>(d) les services de contenu ;</p> <p>(e) les services de radiodiffusion ;</p> <p>(f) les services postaux et de messagerie.</p>
<p><u>UMUTWE WA II : INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N’IMIKORERE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4 : Inshingano</u></p> <p>(1) Ikigeza gifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kugeza imiyoboro mu nzego z’ingenzi nk’iz’uburezi, ubuzima, urubyiruko, umuco, inzego</p>	<p><u>Article 4: Responsibilities</u></p> <p>(1) The Fund has the following responsibilities:</p> <p>(a) to extend connectivity to key sectors such as education, health, youth, culture, decentralised administrative entities and agriculture;</p>	<p><u>Article 4 : Attributions</u></p> <p>(1) Le Fonds a les attributions suivantes:</p> <p>(a) étendre la connectivité aux secteurs clés tels que l’éducation, la santé, la jeunesse, la culture, les entités administratives décentralisées et</p>

<p>z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'urwego rw'ubuhinzi;</p> <p>(b) gutera inkunga ihangwa ry'ibishya bifasha mu guteza imbere serivisi z'itumanaho kuri bese hitabwa cyane cyane ku bantu bafite ibyo bakeneye byihariye.</p> <p>(2) By'umwihariko, Ikigega –</p> <p>(a) gifasha kugera ku bikorwa remezo by'ikoranabuhanga rikoresheje imibare bihendutse;</p> <p>(b) gikora ku buryo urubwirako rw'u Rwanda rugira ubumenyi bwo ku rwego rwo hejuru mu bijyanye n'ikoranabuhanga rikoresheje imibare;</p> <p>(c) no guteza imbere imbuga z'ikoranabuhanga rikoresheje imibare.</p>	<p>(b) to support innovation initiatives that contribute towards universal access development with particular attention to people with special needs.</p> <p>(2) In particular, the Fund –</p> <p>(a) enables access to affordable digital infrastructure;</p> <p>(b) ensures that Rwandan youth have advanced digital skills; and</p> <p>(c) promotes digital platforms.</p>	<p>l'agriculture;</p> <p>(b) soutenir des initiatives d'innovation qui contribuent au développement des services d'accès universel en accordant une attention particulière aux personnes ayant des besoins particuliers.</p> <p>(2) En particulier, le Fonds –</p> <p>(a) permet l'accès aux infrastructures numériques abordables ;</p> <p>(b) s'assure à ce que les jeunes rwandais aient des compétences numériques avancées; et</p> <p>(c) promeut les plateformes numériques.</p>
<p><u>Ingingo ya 5 : Imitunganyirize n'imikorere</u></p> <p>Ikigega gifite abakozi bacyo bateganywa ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego. Abo bakozi bagengwa na sitati igenga abakozi b'Urwego.</p>	<p><u>Article 5: Organisation and functioning</u></p> <p>The Fund has its own staff who are part of the organisational structure of the Authority. The staff are governed by statute governing staff of the Authority.</p>	<p><u>Article 5 : Organisation et fonctionnement</u></p> <p>Le Fonds dispose de son propre personnel qui fait partie de la structure organisationnelle de l'Autorité. Ce personnel est régi par le statut régissant le personnel de l'Autorité.</p>

<p><u>UMUTWE WA III : INKOMOKO Y'UMUTUNGO N'ICUNGWA RYAWO</u></p> <p><u>Ingingo ya 6 : Inkomoko y'umutungo</u></p> <p>Umutungo w'Ikigega ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) amafaranga atangwa buri mwaka n'abafite impushya;</p> <p>(b) inkunga ya Leta cyangwa iy'abafatanyabikorwa;</p> <p>(c) impano n'indagano.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Gutanga umusanzu mu Kigega</u></p> <p>(1) Ufite uruhushya uwo ari we wese uvugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka agomba gutanga umusanzu mu Kigega buri mwaka utagomba kurenga 2,5% y'ibyacuujwe muri buri cyiciro cya serivisi y'urwego rw'umurimo ugenzurwa.</p> <p>(2) Icyakora, Inama Ngenzuramikorere ishobora kugena ijanisha ritangwa n'icyiciro cya serivisi bireba bitewe n'imiterere n'urwego by'urwego rw'umurimo ugenzurwa.</p>	<p><u>CHAPTER III: SOURCES OF PROPERTY AND ITS MANAGEMENT</u></p> <p><u>Article 6: Sources of property</u></p> <p>The property of the Fund comes from the following sources:</p> <p>(a) the annual levy paid by all licensees;</p> <p>(b) State or partners' subsidies,</p> <p>(c) donations and bequests.</p> <p><u>Article 7: Contribution to the Fund</u></p> <p>(1) Every licensee referred to in Article 3 of this Order pays to the Fund an annual contribution which must not exceed 2.5% of the turnover of each category of regulated service.</p> <p>(2) However, the Regulatory Board may determine a specific rate to be applied to a concerned category of regulated service considering its nature and maturity.</p>	<p><u>CHAPITRE III : SOURCES DU PATRIMOINE ET SA GESTION</u></p> <p><u>Article 6 : Sources du patrimoine</u></p> <p>Le patrimoine du Fonds provient des sources suivantes:</p> <p>(a) le prélèvement annuel payé par tous les titulaires de licences;</p> <p>(b) les subventions de l'État ou des partenaires;</p> <p>(c) les dons et legs.</p> <p><u>Article 7 : Contribution au Fonds</u></p> <p>(1) Tout titulaire d'une licence visé à l'article 3 du présent arrêté doit verser au Fonds une contribution annuelle qui ne doit pas dépasser 2,5% du chiffre d'affaires de chaque catégorie du service régulé.</p> <p>(2) Toutefois, le Conseil de Régulation peut déterminer un taux spécifique à appliquer à chaque catégorie de service régulé en tenant compte de sa nature et sa maturité.</p>
--	---	--

<p>(3) Inama Ngenzuramikorere igena kandi uburyo bwo kumenyekanisha no kukusanya umusanzu w'Ikigega n'ibihano byo kutubahiriza ibiteganywa n'iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 8 : Imicungire y'Ikigega</u></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru acunga umutungo w'Ikigega n'ikoreshwa ryawo mu buryo butandukanye n'umutungo ujyanye n'ibikorwa by'Urwego n'ikoreshwa ryawo.</p> <p>(2) Umuyobozi Mukuru afungura muri banki konti zihariye zibikwaho amafaranga y'Ikigega kandi akuzuzwa ku buryo butandukanyije ibitabo by'ibaruramari bijyanye n'ibikorwa by'Ikigega, hagaragazwa ubwoko bw'umutungo n'ingano yawo hamwe n'ikoreshwa ryawo.</p> <p>(3) Umuyobozi Mukuru ni we wemerewe kugenzura uburyo umutungo w'Ikigega winjira n'uburyo usohoka.</p> <p>(4) Inama Ngenzuramikorere igenzura ko amafaranga y'Ikigega akoreshwa mu buryo butabogamye, bunyuzwe mu mucyo kandi ko itangwa ry'inkunga rikorwa mu</p>	<p>(3) The Regulatory Board also determines modalities for declaration, collection of the contribution to the Fund and sanctions for non-compliance of provisions of this Order.</p> <p><u>Article 8: Management of the Fund</u></p> <p>(1) The Director General manages the resources and expenses of the Fund in a manner entirely separate from the resources and expenses related to the Authority's activities.</p> <p>(2) The Director General opens specific bank accounts for holding financial resources of the Fund and keeps separately books of the Fund operations indicating the nature and amount of the resources and utilisation of the property.</p> <p>(3) The Director General is the authorised person to control the revenues and expenses of the Fund.</p> <p>(4) The Regulatory Board ensures that the funds are used in a fair and transparent manner and that disbursement of funds is effected in a competitive process based</p>	<p>(3) Le Conseil de Régulation détermine également les modalités de déclaration et de collecte de la contribution au Fonds et les sanctions pour le non-respect des dispositions du présent arrêté.</p> <p><u>Article 8 : Gestion du Fonds</u></p> <p>(1) Le Directeur Général gère les ressources et les dépenses du Fonds d'une manière entièrement distincte des ressources et des dépenses relatives aux activités de l'Autorité.</p> <p>(2) Le Directeur Général ouvre des comptes bancaires spécifiques pour conserver les ressources financières du Fonds, et tient distinctement des livres des opérations du Fonds en indiquant la nature et le montant des ressources et l'utilisation du patrimoine.</p> <p>(3) Le Directeur Général est la personne autorisée à contrôler les revenus et les dépenses du Fonds.</p> <p>(4) Le Conseil de Régulation veille à ce que les fonds soient utilisés d'une manière équitable et transparente et que le décaissement de fonds soit effectué</p>
---	---	---

<p>buryo bw'ipiganwa hashingiwe ku nyandiko zisabwa.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ubika ibitabo by'imari</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru afite inshingano zo kubika ibitabo by'ibaruramari, udutabo twa sheki, impapuro mvunjwafaranga, inyandiko z'ishoramari ndetse n'izindi nyandiko n'impapuro zose zifitanye isano n'umutungo w'Ikigega.</p> <p><u>Ingingo ya 10 : Raporo y'ibikorwa by'umwaka y'Ikigega</u></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru ashyikiriza Inama Ngenzuramikorere raporo y'ibikorwa by'umwaka y'Ikigega kugira ngo iyemeze.</p> <p>(2) Raporo y'ibikorwa by'umwaka ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo igomba kugaragaza nibura imishinga yatewe inkunga n'icyo yamariye abagenerwabikorwa.</p> <p>(3) Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo, raporo y'ibikorwa by'umwaka irebana n'imikoreshereze y'amafaranga mu rwego rwa ICT mu mwaka</p>	<p>on required documents.</p> <p><u>Article 9: Custodian of financial documents</u></p> <p>The Director General has the responsibility to keep books of accounts, cheque books, securities, investment instruments and other documents and papers pertaining to the Fund accounts.</p> <p><u>Article 10: Annual activity report of the Fund</u></p> <p>(1) The Director General submits to the Regulatory Board an annual activity report of the Fund for approval.</p> <p>(2) The annual activity report referred to in Paragraph (1) of this Article must at least indicate the projects financed and their impact to the beneficiaries.</p> <p>(3) Subject to provisions of Paragraphs (1) et (2) of this Article, the annual activity report relating to the use of the funds in ICT sector for the previous financial year is prepared and submitted to the</p>	<p>suivant un processus concurrentiel et sur la base des documents requis.</p> <p><u>Article 9 : Dépositaire des documents financiers</u></p> <p>Le Directeur Général est chargé de la garde des livres de compte, carnets de chèques, titres, instruments de placement et autres documents et papiers relatifs aux comptes du Fonds.</p> <p><u>Article 10 : Rapport annuel des activités du Fonds</u></p> <p>(1) Le Directeur Général soumet un rapport annuel des activités du Fonds au Conseil de Régulation pour approbation.</p> <p>(2) Le rapport annuel des activités visé au Paragraphe (1) du présent article doit au moins indiquer les projets financés et leur impact sur les bénéficiaires.</p> <p>(3) Sous réserve des dispositions des paragraphes (1) et (2) du présent article, le rapport annuel des activités relatif à l'utilisation des fonds dans le secteur de ICT pour l'exercice financier précédent,</p>
--	--	--

<p>w'ibaruramari urangiye, itegurwa kandi igashyikirizwa Inama Ngenzuramikorere bitarenze tariki ya 30 Nzeri buri mwaka.</p>	<p>Regulatory Board not later than 30th September of each year.</p>	<p>est établi et soumis au Conseil de Régulation au plus tard le 30 septembre de chaque année.</p>
<p>UMUTWE WA IV: GAHUNDA ZEMERWE GUTERWA INKUNGA N'IBIGENDERWAHO MU KUZIHITAMO</p>	<p>CHAPTER IV: ELIGIBLE PROGRAMMES FOR FUNDING AND CRITERIA FOR SELECTION</p>	<p>CHAPITRE IV : PROGRAMMES ÉLIGIBLES POUR LE FINANCEMENT ET CRITÈRES DE SÉLECTION</p>
<p><u>Ingingo ya 11 : Gahunda zigenderewe</u></p>	<p><u>Article 11: Targeted programmes</u></p>	<p><u>Article 11 : Programmes ciblés</u></p>
<p>(1) Gahunda zigenderewe ni izigamije guteza imbere ibijyanye n'ubucuruzi no guhanga ibishya, guhindura ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho mu Gihugu bigira u Rwanda Igihugu gishingiye ku bumenyi.</p> <p>(2) Gahunda zemewe guterwa inkunga ni izizamura iterambere rya ICT kandi zerekeranye n'ibi bikurikira:</p> <p>(a) kugezwaho ikoranabuhanga na serivisi bihendutse kandi byizewe mu rwego rwa ICT;</p> <p>(b) guharanira ko umutekano w'urubuga koranabuhanga rw'u Rwanda urinzwe;</p> <p>(c) amakuru na porogaramu ifatiye ku itumanaho bigamije kunoza</p>	<p>(1) Targeted programmes are those that aim at promoting business and innovation, and national digital transformation that makes Rwanda a knowledge based nation.</p> <p>(2) The programmes eligible for funding are those that promote the development of ICT and relating to the following:</p> <p>(a) access to affordable and reliable technology and services in ICT sector;</p> <p>(b) ensuring that the security of Rwandan cyber-space is protected;</p> <p>(c) the content and application for efficient delivery of ICT sector</p>	<p>(1) Les programmes ciblés sont ceux qui visent la promotion des affaires et l'innovation, ainsi que la transformation numérique nationale qui fait le Rwanda une nation fondée sur les connaissances.</p> <p>(2) Les programmes éligibles au financement sont ceux qui favorisent le développement de ICT et qui sont relatifs à ce qui suit :</p> <p>(a) l'accès à la technologie et aux services abordables et fiables dans le secteur de ICT;</p> <p>(b) assurer que la sécurité de l'espace informatique du Rwanda est protégée ;</p> <p>(c) un contenu et une application permettant une prestation efficace de</p>

<p>itangwa rya serivisi mu rwego rwa ICT ku benegihugu;</p> <p>(d) ubushobozi n’ubumenyi mu gukoresha neza ikoranabuhanga na serivisi;</p> <p>(e) gushyigikira ingamba zo kuzamura urwego rwa ICT;</p> <p>(f) gushyigikira iterambere cyangwa kuzamura ubumenyi bw’ubuhanga bukenewe n’inganda;</p> <p>(g) gushyigikira iterambere no kuzamura ihanga ry’ibishya n’ubushakashatsi n’iterambere;</p> <p>(h) gusuzuma ko ICT igera ku rwego rw’ingo;</p> <p>(i) izindi gahunda z’ingenzi Inama Ngenzuramikorere ishobora kwemeza igihe bibaye ngombwa.</p>	<p>services to the citizens;</p> <p>(d) the capacity and ability to effectively use technology and services;</p> <p>(e) supporting the initiatives for the growth of ICT sector;</p> <p>(f) supporting the development or enhancement of engineering skills needed by the industry;</p> <p>(g) supporting the development and enhancement of innovations and research and development;</p> <p>(h) assessing ICT accessibility to household level;</p> <p>(i) other relevant programmes which the Regulatory Board may approve when need arises.</p>	<p>services du secteur de ICT aux citoyens ;</p> <p>(d) une capacité et une habileté d’utiliser efficacement la technologie et les services;</p> <p>(e) un soutien aux initiatives pour la croissance du secteur de ICT;</p> <p>(f) soutenir le développement ou l’amélioration des compétences en ingénierie nécessaires à l’industrie;</p> <p>(g) soutenir le développement et la valorisation des innovations et de la recherche et du développement ;</p> <p>(h) évaluer l’accessibilité à ICT au niveau des ménages ;</p> <p>(i) autres programmes pertinents qui peuvent être approuvés en cas de besoin par le Conseil de Régulation.</p>
<p><u>Ingingo ya 12: Gahunda zifite umwihariko</u></p> <p>(1) Ikigega kigeza inkunga zacyo no kuri gahunda zifite umwihariko zigamije inyungu z’Igihugu cyangwa gahunda izo</p>	<p><u>Article 12: Priority programmes</u></p> <p>(1) The Fund extends its support to priority programmes with national interest or any programme that addresses the issue of</p>	<p><u>Article 12 : Programmes prioritaires</u></p> <p>(1) Le Fonds étend son soutien aux programmes prioritaires d’intérêt national ou à tout programme qui aborde la</p>

<p>ari zo zose zikemura ikibazo cy'ubwinjire bucyeye bwa serivisi zo mu rwego rwa ICT n'ireme ry'izo serivisi.</p> <p>(2) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, Ikigega cyibanda by'umwihariko ku bikorwa by'ikoranabuhanga no guhanga ibishya, kuri gahunda ziteza imbere abagore, ku rubyiruko, santeri z'ubucuruzi, uduce tugerwamo na serivisi nkeya cyangwa ku zindi serivisi zihutirwa zifitanye isano na byo.</p>	<p>low penetration of ICT sector services and quality of these services.</p> <p>(2) Subject to provisions of Paragraph (1) of this Article, the Fund ensures that priority is given to technological and innovation initiatives, programmes for women, youth, business centers, under-served areas or other urgent related services.</p>	<p>question de la faible pénétration des services du secteur de ICT et de la qualité de ces services.</p> <p>(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) du présent article, le Fonds veille à ce que la priorité soit donnée aux initiatives de technologies et d'innovation, aux programmes destinés aux femmes, aux jeunes, aux centres de commerce, aux zones mal desservie ou aux autres services y relatifs urgents.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Kugaragaza gahunda, imishinga n'ibikorwa biteganyijwe gukorwa n'ibisabwa mu gutanga inkunga</u></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru, amaze kubijyaho inama n'abashobora kuvamo abagenerwabikorwa, agaragaza buri mwaka, gahunda, imishinga n'ibikorwa biteganyijwe gukorwa.</p> <p>(2) Buri gahunda, umushinga cyangwa igikorwa bigaragajwe hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) cy'iyi ngingo bigaragaza nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) inkunga ihari;</p> <p>(b) uburambe bwa gahunda, umushinga cyangwa igikorwa;</p>	<p><u>Article 13: Identification of programmes, projects and activities to be implemented and requirements for disbursement of funds</u></p> <p>(1) The Director General, after consultation with potential beneficiaries, identifies every year, programmes, projects and activities to be implemented.</p> <p>(2) Each programme, project or activity identified pursuant to the provisions of Paragraph (1) of this Article indicate at least the following:</p> <p>(a) the available funds;</p> <p>(b) sustainability of the programme, project or activity;</p>	<p><u>Article 13 : Identification des programmes, des projets et des activités à mettre en œuvre et les conditions requises pour l'allocation des fonds</u></p> <p>(1) Le Directeur Général, après consultation des bénéficiaires potentiels, identifie chaque année, des programmes, des projets et des activités à mettre en œuvre.</p> <p>(2) Chaque programme, projet ou activité identifiée en application des dispositions du paragraphe (1) du présent article indique au moins les éléments suivants :</p> <p>(a) les fonds disponibles ;</p> <p>(b) la viabilité du programme, du projet ou de l'activité ;</p>

<p>(c) igihe cyo gushyira mu bikorwa gahunda, umushinga cyangwa igikorwa;</p> <p>(d) inyungu izazanira abagenerwabikorwa.</p> <p>(3) Inama Ngenzuramikorere isuzuma niba gahunda, umushinga cyangwa igikorwa bikeneye guterwa inkunga byujuje ibisabwa bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo mbere y'uko inkunga itangwa.</p>	<p>(c) implementation timeline of the programme, project or activity;</p> <p>(d) expected impact to the beneficiaries.</p> <p>(3) The Regulatory Board verifies whether the programme, project or activity that requires funds fulfils the requirements mentioned in Paragraph (2) of this Article before disbursement of funds.</p>	<p>(c) le calendrier de mise en œuvre du programme, du projet ou de l'activité;</p> <p>(d) l'impact attendu sur les bénéficiaires.</p> <p>(3) Le Conseil de Régulation vérifie si le programme, le projet ou l'activité qui a besoin de financement remplit les conditions requises mentionnées au paragraphe (2) du présent article avant le décaissement des fonds.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Uburyo bwo gushyira mu bikorwa gahunda, umushinga cyangwa igikorwa</u></p> <p>(1) Ishyirwa mu bikorwa rya buri gahunda, umushinga cyangwa igikorwa rikorwa mu buryo budahindagurika, burangwa no gukorera mu mucyo kandi butabogamye.</p> <p>(2) Ibisabwa n'ibisobanuro byihariye kuri buri gahunda, umushinga cyangwa igikorwa bigomba gushyirwa mu bikorwa, bitegurwa mbere kandi bikemezwa n'Umuyobozi Mukuru.</p>	<p><u>Article 14: Implementation process of programme, project or activity</u></p> <p>(1) The implementation of every programme, project or activity is conducted in a consistent, transparent and objective manner.</p> <p>(2) Requirements and specifications for each programme, project or activity that needs to be implemented are prepared in advance and approved by the Director General.</p>	<p><u>Article 14 : Procédure de mise en œuvre d'un programme, d'un projet ou d'une activité</u></p> <p>(1) La mise en œuvre de chaque programme, projet ou activité est conduite d'une manière cohérente, transparente et objective.</p> <p>(2) Les conditions requises et les spécifications de chaque programme, projet ou activité qui doit être mise en œuvre sont préparées en avance et approuvées par le Directeur Général.</p>

<p><u>Ingingo ya 15: Ikurikirana n'isuzuma rya gahunda, umushinga cyangwa igikorwa</u></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru akurikirana kandi agasuzuma gahunda, umushinga cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose giterwa inkunga n'Ikigega.</p> <p>(2) Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, Umuyobozi Mukuru akurikirana mu buryo buhoraho gahunda, imishinga cyangwa ibikorwa byose ari aho bikorerwa cyangwa hanze yaho, hagamijwe kumenya niba inkunga yatanzwe ikoreshwa mu buryo bukurikije amasezerano Ikigega cyagiranye n'umugenerwabikorwa.</p>	<p><u>Article 15: Monitoring and evaluation of programme, project or activity</u></p> <p>(1) The Director General monitors and evaluates any programme, project or activity financed by the Fund.</p> <p>(2) For the purposes of implementation of the provisions of Paragraph (1) of this Article, the Director General carries out regular on-site and offsite monitoring of all programmes, projects or activities to ensure that the funding is being utilised in accordance with the agreement concluded between the Fund and the beneficiary.</p>	<p><u>Article 15 : Suivi et évaluation d'un programme, d'un projet ou d'une activité</u></p> <p>(1) Le Directeur Général fait le suivi et l'évaluation de tout programme, tout projet ou toute activité financée par le Fonds.</p> <p>(2) Aux fins de mettre en œuvre les dispositions du Paragraphe (1) du présent article, le Directeur Général effectue un suivi régulier sur site et hors site de tous les programmes, projets ou activités pour s'assurer que le financement est utilisé conformément à l'accord conclu entre le Fonds et le bénéficiaire.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'UMUGENERWABIKORWA NO GUKOMEZA GUTANGA SERIVISI</u></p>	<p><u>CHAPTER V: OBLIGATIONS OF BENEFICIARY AND CONTINUITY OF SERVICE</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : ATTRIBUTIONS DU BÉNÉFICIAIRE ET CONTINUITÉ DE SERVICE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 16: Inshingano z'umugenerwabikorwa</u></p> <p>(1) Umugenerwabikorwa w'Ikigega ashya mu bikorwa gahunda, umushinga cyangwa igikorwa giterwa inkunga n'Ikigega nk'uko byumvikanyweho hagamijwe kugera ku ntego zumvikanyweho.</p>	<p><u>Article 16: Obligations of beneficiary</u></p> <p>(1) The beneficiary of the Fund implements the programme, project or activity financed by the Fund as agreed to ensure the achievement of the set objectives.</p>	<p><u>Article 16 : Attributions du bénéficiaire</u></p> <p>(1) Le bénéficiaire du Fonds met en œuvre le programme, le projet ou l'activité financée par le Fonds comme convenu pour assurer la réalisation des objectifs fixés.</p>

<p>(2) Umugenerwabikorwa w'Ikigega abujijwe gukora impinduka izo ari zo zose zishobora kugira ingaruka zisesuye cyangwa z'igice ku miterere cyangwa intego zashyizweho cyangwa ku musaruro utegerejwe kuri gahunda, umushinga cyangwa igikorwa.</p> <p>(3) Umugenerwabikorwa w'Ikigega uwo ari we wese wifuzaga kugira impinduka iyo ari yo yose akora kuri gahunda, umushinga cyangwa igikorwa biterwa inkunga n'Ikigega abisabira uruhushya mu nyandiko Umuyobozi Mukuru hasigaye nibura iminsi 60 ngo iyo mpinduka ikorwe, kugira ngo abyemeze.</p>	<p>(2) The beneficiary of the Fund is prohibited from introducing any changes that may affect entirely or partially the nature, set objectives or the expected result of the programme, project or activity.</p> <p>(3) Any beneficiary of the Fund who intends to introduce any change to the programme, project or activity financed by the Fund submits a request to that effect in writing to the Director General for approval at least 60 days before introducing the change.</p>	<p>(2) Il est interdit au bénéficiaire du Fonds d'introduire tout changement qui pourrait affecter entièrement ou partiellement la nature, les objectifs fixés ou le résultat attendu du programme, du projet ou de l'activité.</p> <p>(3) Tout bénéficiaire du Fonds qui a l'intention d'introduire tout changement au programme, au projet ou à l'activité financée par le Fonds adresse par écrit une demande à cet effet au Directeur Général pour approbation au moins 60 jours avant l'introduction du changement.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Kubahiriza amasezerano</u></p>	<p><u>Article 17: Compliance with agreement</u></p>	<p><u>Article 17 : Respect de l'accord</u></p>
<p>(1) Umugenerwabikorwa w'Ikigega afite inshingano zo kureba niba ingingo zose zashyizweho mu masezerano zishyirwa mu bikorwa mu buryo bufatika kandi butanga umusaruro.</p> <p>(2) Igihe umugenerwabikorwa w'Ikigega atubahirije ibikubiye mu masezerano, Urwego rumufatira ibihano biteganywa n'ayo masezerano, umugenerwabikorwa w'Ikigega ahita asubiza inkunga yahawe hakuwemo amafaranga ahwanye</p>	<p>(1) The beneficiary of the Fund has the obligation to ensure that all terms and conditions set in the agreement are effectively and efficiently implemented.</p> <p>(2) In the event of breach of any terms and conditions set in agreement by a beneficiary of the Fund, the Authority applies penalties set forth in the agreement and the beneficiary of the Fund subsequently reimburses the funds</p>	<p>(1) Le bénéficiaire du Fonds a l'obligation de veiller à ce que tous les termes et conditions énoncés dans l'accord soient effectivement et efficacement mis en exécution.</p> <p>(2) En cas de violation des termes et conditions énoncés dans l'accord par le bénéficiaire du Fonds, l'Autorité applique les sanctions prévues dans l'accord et le bénéficiaire du Fonds rembourse par la suite les fonds reçus au prorata du travail</p>

<p>n'imirimo yakozwe. Iryo subiza ry'inkunga ryandikwa nk'umutungo w'Ikigega.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Ukudahagarara kwa serivisi</u></p> <p>Iyo habaye ihagarikwa rya serivisi rikomoka k'ushinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda, umushinga cyangwa igikorwa, Urwego rugisha inama inzego zirebwa na gahunda, umushinga cyangwa igikorwa, ndetse n'abafatabuguzi ba nyuma, rugafata icyemezo mu rwego rwo guharanira ko serivisi ikomeza gutangwa.</p> <p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 19: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya, na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 20: Ingingo y'ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Iteka rya Perezida n° 05/01 ryo ku wa 15/03/2004 rigena imikorere y'Ikigega cyo</p>	<p>received in proportion of the work performed. Such reimbursement is registered as a Fund resource.</p> <p><u>Article 18: Continuity of service</u></p> <p>In case of interruption of service resulting from the implementer of the programme, project or activity, the Authority, in consultation with relevant entities involved in the programme, project or activity as well as end users, takes a decision in order to ensure the continuity of the service.</p> <p><u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 19: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Information, Communication, Technology and Innovation and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 20: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in English.</p> <p><u>Article 21: Repealing provision</u></p> <p>Presidential Order n° 05/01 of 15/03/2004 determining the functioning of the Universal</p>	<p>effectué. Ce remboursement est enregistré comme une ressource du Fonds.</p> <p><u>Article 18 : Continuité de service</u></p> <p>En cas d'interruption du service résultant de l'exécutant du programme, projet ou activité, l'Autorité, en consultation avec les autorités concernées par le programme, le projet ou l'activité ainsi que les derniers utilisateurs, prend une décision afin d'assurer la continuité du service.</p> <p><u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 19 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 20 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigée en anglais.</p> <p><u>Article 21 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>L'Arrêté Présidentiel n° 05/01 du 15/03/2004 portant fonctionnement du Fonds d'Accès</p>
--	---	---

<p>Gukwirakwiza Telefoni mu Gihugu n'imisanzu itangwa n'abacuruza telefoni rusange rivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Gutangira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>Access Fund and public operators' contributions is repealed.</p> <p><u>Article 22:</u> Entry into force</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Universel et déterminant les montants des contributions est abrogé.</p> <p><u>Article 22 :</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

Kigali, 12/05/2023

(Sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux